

**FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL**  
**RWANDESE FOOTBALL FEDERATION**  
**ISHYIRAHAMWE NYARWANDA RY'UMUPIRA W'AMAGURU**

**CODE DISCIPLINAIRE DE LA FEDERATION**  
**RWANDAISE DE FOOTBALL**  
**RWANDESE FOOTBALL FEDERATION CODE OF DISCIPLINE**  
**AMATEGEKO Y'ISHYIRAHAMWE NYARWANDA RY'UMUPIRA**  
**W'AMAGURU AGENGA IMYITWARIRE**

**JUILLET 2012**  
**JULY 2012**  
**NYAKANGA 2012**

<p><b>CHAPITRE PREMIER: ORGANISATION ET PROCEDURE.</b></p> <p><b>Article premier: Objet</b>  Le présent code disciplinaire a pour but de décrire les infractions pouvant survenir dans la gestion du football, de déterminer les sanctions appropriées, de régir l'organisation et le fonctionnement des structures chargées du traitement des dossiers disciplinaires et d'arrêter les procédures.</p> <p><b>Article 2: Champ d'application</b>  Le présent code disciplinaire s'applique à toutes les compétitions organisées par la FERWAFa qui peut s'autosaisir de tout dossier lorsque des atteintes graves sont portées au bon déroulement des compétitions.  Sont soumis au présent code disciplinaire:</p>	<p><b>CHAPTER ONE: ORGANIZATION AND PROCEDURE.</b></p> <p><b>Article One: Purpose</b>  This Code of Discipline aims to describe the offenses that may occur in the management of football, to determine appropriate sanctions, to govern the organization and functioning of the structures responsible for handling disciplinary cases and to lay down procedures.</p> <p><b>Article 2: Scope</b>  This Code of Discipline applies to all the competitions organized by FERWAFa which may examine any case when serious incidents affect the smooth running of competitions.</p> <p>Are subject to this Code of Discipline:</p>	<p><b>UMUTWE WA MBERE: IMITERERE N'UBURYO BW'IMIKORERE</b></p> <p><b>Ingingo ya mbere: Intego</b>  Aya mategeko agenga imyitwarire agamije gusobanura ibyaha bishobora kubaho mu mupira w'amaguru, kugena ibihano bikwiranye, no kugena imikorere y'inzego zishinzwe gukemura ibibazo birebana n'imyitwarire no kugena uburyo bw'imikorere.</p> <p><b>Ingingo ya 2: Imbibisi</b>  Aya mategeko agenga imyitwarire areba amarushanwa yose yateguwe na FERWAFa yo ishobora kwiga ikibazo cyose igihe habaye ibintu bihungabanya imigendekere myiza y'amarushanwa.</p> <p>Abarebwa n'aya mategeko agenga imyitwarire:</p>
---	--	--

<p>a) Les dirigeants et délégués de la FERWAFa;</p> <p>b) Les associations de football agréées;</p> <p>c) Les clubs dépendants des associations agréées;</p> <p>d) Les officiels (dirigeants des associations, clubs, entraîneurs);</p> <p>e) Les joueurs;</p> <p>f) Les officiels du match;</p> <p>g) Les spectateurs.</p> <p>Par dirigeants, on entend: les membres des organes de la FERWAFa, des Associations et des Clubs ainsi que le staff technique.</p> <p>Par officiels du match: ce sont des arbitres, le commissaire, l'inspecteur, le coordinateur du match.</p> <p><b>Article 3: Organes juridictionnels</b></p> <p>Les Organes Juridictionnels de la FERWAFa sont:</p> <p>a) La Commission de Discipline;</p>	<p>a) Officers and delegates of FERWAFa;</p> <p>b) Recognized football associations;</p> <p>c) Clubs dependent on recognized associations;</p> <p>d) Officials (officers of associations, clubs, coaches);</p> <p>e) Players;</p> <p>f) Match officials;</p> <p>g) Spectators.</p> <p>Officers shall mean: members of FERWAFa bodies, Associations and Clubs as well as the technical staff.</p> <p>Match officials shall mean: referees, the steward, the inspector, the match coordinator.</p> <p><b>Article 3: Judicial bodies</b></p> <p>Judicial bodies of FERWAFa are:</p> <p>a) The Disciplinary Commission;</p>	<p>a) Abayobozi n'abahagarariye FERWAFa;</p> <p>b) Amashyirahamwe y'umupira w'amaguru yemewe;</p> <p>c) Amakipe ashamikiye ku mashyirahamwe yemewe;</p> <p>d) Abayobozi (ab'amashyirahamwe, amakipe, abatoza);</p> <p>e) Abakinnyi;</p> <p>f) Abayobozi b'umukino;</p> <p>g) Abareba umupira.</p> <p>Ijambo "Abayobozi" risobanuye abantu bari mu nzego za FERWAFa, iz'amashyirahamwe n'iz'amakipe kimwe n'abakozi bashinzwe ibya tekini.</p> <p>Ijambo "Abayobozi b'umukino" risobanuye abasifuzi, komiseri, umugenzuzi w'abasifuzi n'umuhuzabikorwa w'umukino.</p> <p><b>Ingingo ya 3: Inzego nkemurampaka</b></p> <p>Inzego za FERWAFa zishinzwe gukemura amakimbirane ni:</p> <p>a) Komisiyo ishinzwe imyitwarire;</p>
--	---	--

<p>b) La Commission de Recours.</p> <p><b>Article 4: Compétences</b>  Pendant le match, les décisions disciplinaires sont prises par l'arbitre. Ces décisions sont définitives.</p> <p>La Commission de Discipline est un organe de la FERWAFa chargé de sanctionner en cas de plainte reçue ou d'office les manquements en premier ressort à la réglementation de la FERWAFa et qui ne sont pas du ressort d'un autre organe de la FERWAFa.</p> <p>La Commission de Discipline est aussi compétente pour:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) Sanctionner les faits graves qui auraient échappé aux officiels du match;</li> <li>b) Rectifier les erreurs manifestes dans les décisions disciplinaires consécutives aux rapports des arbitres;</li> <li>c) Prolonger la durée de la suspension automatique résultant d'une expulsion;</li> </ul>	<p>b) The Appeals Commission.</p> <p><b>Article 4: Competence</b>  During the match, disciplinary decisions are taken by the referee. These decisions are final.</p> <p>The Disciplinary Commission is an organ of FERWAFa responsible for sanctioning, following complaints received or automatically, violations in the first instance to the regulations of FERWAFa which are not the responsibility of another organ of FERWAFa.</p> <p>The Disciplinary Commission is also responsible for:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) Sanctioning serious infringements which may have escaped match officials;</li> <li>b) Rectifying obvious errors in disciplinary decisions from referees' reports;</li> <li>c) Extending the duration of automatic suspension resulting from expulsion;</li> <li>d) Pronouncing further sanctions in</li> </ul>	<p>b) Komisiyo y'ubujurire.</p> <p><b>Ingingo ya 4: Ububasha</b>  Mu mukino, ibyemezo birebana n'imyitwarire bifatwa n'umusifuzi. Ibi byemezo ni ntakuka.</p> <p>Komisiyo ishinzwe imyitwarire ni urwego rwa FERWAFa rushinzwe gutanga ibihano ku rwego rw'ibanze ku birego yakiriye cyangwa ibyibwirije ku makosa arebwa n'amategeko ya FERWAFa, atari mu bubasha bw'urundi rwego rwa FERWAFa.</p> <p>Komisiyo y'imyitwarire ishinzwe kandi:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) Guhana amakosa akomeye ashobora kuba yacitse umusifuzi;</li> <li>b) Gukosora amakosa agaragara mu byemezo birebana n'imyitwarire ari muri raporo z'abasifuzi;</li> <li>c) Kongera igihano cy'ihagari-kwa bivuye ku kwirukanwa mu kibuga;</li> <li>d) Gutanga ibihano byiyongera</li> </ul>
---	---	--

<p>d) Prononcer des sanctions additionnelles en plus de celles prononcées par l'arbitre, par exemple une amende.</p> <p>La Commission de Recours est un organe de la FERWafa chargé d'étudier et de se prononcer sur des recours contre toute décision de la Commission de Discipline ou de toute autre commission que la réglementation de la FERWafa ne déclare pas définitive.</p> <p>Une association ou un club peut interjeter appel contre les décisions sanctionnant leurs joueurs, officiels ou membre. Elles doivent avoir l'accord écrit de la personne concernée.</p> <p>Le requérant peut contester la mauvaise constatation des faits ou l'application erronée de la réglementation, exceptée les lois de jeu appliquées par l'arbitre.</p> <p>La Commission de Discipline est composée d'un nombre impair d'au moins cinq personnes dont:</p>	<p>addition to those imposed by the referee, such as a fine.</p> <p>The Appeals Commission is an organ of FERWafa in charge of analyzing and deciding on appeals against any decision of the Disciplinary Commission or of any other commission that FERWafa regulations do not declare as final.</p> <p>An association or club may appeal against decisions sanctioning their players, officials or member. They must have the written consent of the person concerned.</p> <p>The appellant may contest any decision of fact or incorrect application of the rules, with the exception of the laws of the game as applied by the referee.</p> <p>The Disciplinary Commission is composed of an odd number of at least five people, including:</p>	<p>ku byatanzwe n'umusifuzi, urugero: ihazabu.</p> <p>Komisiyo y'ubujurire ni urwego rwa FERWafa rushinzwe kwiga no gufata imyanzuro ku bujurire burebana n'icyemezo cyose, amategeko ya FERWafa adakemura ku buryo ndakuka, cyafashwe na Komisiyo ishinzwe imyitwarire cyangwa cy'indi komisiyo yose.</p> <p>Ishyirahamwe cyangwa ikipe bishobora kujuririra ibihano byafatiwe abakinnyi, abayobozi cyangwa umunyamuryango babyo. Bigomba kuba bifite uburenganzira bwanditse bw'umuntu urebwa n'ikibazo.</p> <p>Umuntu ujurira ashobora kutemera imisobanurire y'ibyabaye cyangwa ukutubahiriza amategeko, ukuyemo uburyo umusifuzi yubahirije amategeko agenga umukino.</p> <p>Komisiyo ishinzwe imyitwarire igizwe n'umubare w'igiharwe w'abantu nibura batanu, barimo:</p>
---	---	---

<p>a) Un président; b) Un vice-président; c) Un secrétaire; d) Deux membres.</p> <p>Le choix de ces personnes est basé sur leur intégrité, leur compétence et leur personnalité. Leur nomination et la durée de leur mandat doivent être conformes aux statuts de la FERWAFa.</p> <p>La Commission de Recours est composée d'un nombre impair d'au moins cinq personnes dont:</p> <p>a) Un président; b) Un vice-président; c) Un secrétaire; d) Deux membres.</p> <p>Les présidents des commissions de discipline et de recours doivent être juristes de formation.</p> <p>Le choix de ces personnes est basé sur leur intégrité, leur compétence et leur personnalité. Leur nomination et la durée de leur mandat doivent être conformes aux statuts de la FERWAFa.</p>	<p>a) A Chairperson; b) A Vice- Chairperson; c) A secretary; d) Two members.</p> <p>The choice of these persons is based on their integrity, competence and personality. Their appointment and term of office shall comply with the Statutes of FERWAFa.</p> <p>The Appeals Commission is composed of an odd number of at least five people, including:</p> <p>a) A Chairperson; b) A Vice- Chairperson; c) A secretary; d) Two members.</p> <p>Chairpersons of the Discipline and Appeals Commissions must be lawyers by training.</p> <p>The choice of these persons is based on their integrity, competence and personality. Their appointment and term of office shall comply with the statutes of FERWAFa.</p>	<p>a) Perezida; b) Visi Perezida; c) Umunyamabanga; d) Abandi bantu babiri.</p> <p>Aba bantu batoranywa hashingiwe ku bunyangamugayo, ubushobozi n'imiterere byabo. Ishyirwaho ryabo n'igihe manda yabo imara bigomba kubahiriza amategeko shingiro ya FERWAFa.</p> <p>Komisiyo y'ubujurire igizwe n'umubare w'igiharwe w'abantu nibura batanu, barimo:</p> <p>a) Perezida; b) Visi Perezida; c) Umunyamabanga; d) Abandi bantu babiri.</p> <p>Abaperezida ba Komisiyo ishinzwe imyitwarire na Komisiyo y'ubujurire bagomba kuba barize ibijyanye n'amategeko.</p> <p>Aba bantu batoranywa hashingiwe ku bunyangamugayo, ubushobozi n'imiterere byabo. Ishyirwaho ryabo n'igihe manda yabo imara bigomba kubahiriza amategeko shingiro ya FERWAFa.</p>
---	---	--

<p>Les commissions se réunissent au siège de la FERWAFa. A titre exceptionnel, elles peuvent se réunir en un autre lieu après autorisation préalable du Président de la FERWAFa.</p> <p><b>Article 5: Procédure</b></p> <p><b>La Commission de Discipline.</b></p> <p>La plainte doit être déposée endéans deux jours ouvrables après constatation des faits incriminés.</p> <p>Pour être recevable, elle doit être accompagné d'un montant de 30.000 Francs Rwandais s'il s'agit d'une association, de 20.000 Francs Rwandais s'il s'agit d'un club et de 10.000 Francs Rwandais s'il s'agit d'un individu.</p> <p>La Commission de Discipline siège au plus tard 48 heures après réception de la plainte, et/ou suite à une constatation au manquement à la réglementation de la FERWAFa</p>	<p>Commissions meet at the head office of FERWAFa. Exceptionally, they may meet at another location with prior approval of the President of FERWAFa.</p> <p><b>Article 5: Procedure</b></p> <p><b>The Disciplinary Commission.</b></p> <p>The complaint must be filed within two working days after the occurrence of the facts in the case.</p> <p>To be admissible, it must be accompanied with a sum of 30,000 Rwandan francs in case of an association, 20,000 Rwandan francs if it is a club and 10,000 Rwandan Francs in case of an individual.</p> <p>The Disciplinary Commission shall sit no later than 48 hours after receipt of the complaint, and/or after finding a breach of FERWAFa regulations which requires a decision of the</p>	<p>Komisiyo zikorera inama ku cyicaro gikuru cya FERWAFa. Cyakora inama zishobora kubera ahandi hantu bibanje gutangirwa uburenganzira na Perezida wa FERWAFa.</p> <p><b>Ingingo ya 5: Imikorere</b></p> <p><b>Komisiyo ishinzwe imyitwarire.</b></p> <p>Ikirego kigomba gutangwa mu gihe kitarenze iminsi ibiri y'akazi ikurikira ikiburanwa.</p> <p>Kugirango cyakirwe, ikirego kigomba kuba giherekejwe n'amafaranga 30.000 y'u Rwanda iyo gitanzwe n'ishyirahamwe, ibihumbi 20.000 iyo ari icy'ikipe n'ibihumbi 10.000 iyo gitanzwe n'umuntu.</p> <p>Komisiyo ishinzwe imyitwarire iterana mu gihe kitarenze amasaha 48 nyuma yo kwakira ikirego cyangwa kubona ibintu binyuranyije n'amategeko ya FERWAFa bisaba</p>
--	---	---

<p>et qui nécessite une décision de la Commission de Discipline.</p> <p>Elle ne siège valablement que si les 3/5 des membres au moins sont présents. Les décisions sont prises à la majorité absolue.</p> <p>Tous les membres présents doivent voter. Aucun membre ne peut s'abstenir. En cas d'égalité, la voix du président est prépondérante.</p> <p>La décision de la commission doit intervenir endéans cinq jours après réception de la plainte. Sinon tout retard devra être motivé.</p>	<p>Disciplinary Commission.</p> <p>Its meetings are validly held only if 3/5 of the members are present. Decisions are taken by an absolute majority.</p> <p>All members present must vote. No member may abstain. In case of a tie, the President has the casting vote.</p> <p>The Commission has to take a decision within five days after receipt of the complaint. Otherwise any delay shall be motivated.</p>	<p>ko Komisiyo ishinzwe imyitwarire ibifataho umwanzuro.</p> <p>Iterana mu buryo bwemewe n'ama-tegeko iyo inama yitabiwe nibura na 3/5 by'abayigize. Ibyemezo bifatwa ku bwiganze busesuye.</p> <p>Abitabiye inama bose bagomba gutora. Nta muntu wemerewe kwifata. Iyo habayeho kunganya amajwi, ijwi rya Perezida ni ryo rikemura impaka.</p> <p>Komisiyo igomba gufata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi itanu nyuma yo kugezwaho ikirego. Iyo bitabaye igomba gusobanura impamvu y'ubukererwe.</p>
<p><b>La Commission de Recours</b></p> <p>Pour être recevable, le recours en appel doit être accompagné d'un montant de 50.000 Francs Rwandais s'il s'agit d'une association, de 40.000 Francs Rwandais s'il s'agit d'un club et de 20.000 Francs Rwandais s'il s'agit d'un individu.</p>	<p><b>The Appeals Commission</b></p> <p>To be admissible, the appeal must be accompanied with an amount of 50,000 Rwandan francs in case of a association, 40,000 Rwandan francs if it is a club and 20,000 Rwandan Francs in case of an individual.</p>	<p><b>Komisiyo y'ubujurire</b></p> <p>Kugirango cyakirwe, ikirego cy'ubujurire kigomba kuba giherekejwe n'amafaranga 50.000 y'u Rwanda iyo gitanzwe n'ishyirahamwe, ibihumbi 40.000 iyo ari icy'ikipe n'ibihumbi 20.000 iyo gitanzwe n'umuntu.</p>



<p>La Commission de Recours siège au plus tard 48 heures après réception de l'acte d'appel sur le litige tranché par la Commission de Discipline.</p>	<p>The Appeals Commission shall meet no later than 48 hours after receipt of the notice of appeal on the case decided by the Disciplinary Commission.</p>	<p>Komisiyo y'ubujurire igomba guterana mu gihe kitarenze amasaha 48 igejejweho inyandiko y'ubujurire ku kirego cyafatiwe umwanzuro na Komisiyo ishinzwe imyitwarire.</p>
<p>Elle ne siège valablement que si les 3/5 des membres au moins sont présents. Les décisions sont prises à la majorité absolue.</p>	<p>Its meetings are validly held only if 3/5 of the members are present. Decisions are taken by absolute majority.</p>	<p>Inama zayo ziterana mu buryo bwemewe n'amategeko iyo zitabiwe nibura na 3/5 by'abayigize. Ibyemezo bifatwa ku bwiganze busesuye.</p>
<p>Tous les membres présents doivent voter. Aucun membre ne peut s'abstenir. En cas d'égalité, la voix du président est prépondérante.</p>	<p>All members present must vote. No member may abstain. In case of a tie, the President has the casting vote.</p>	<p>Abitabiye inama bose bagomba gutora. Nta muntu wemerewe kwifata. Iyo habayeho kunganya amajwi, ijwi rya Perezida ni ryo rikemura impaka.</p>
<p>La partie qui entend interjeter appel doit annoncer son intention par écrit dans un délai de deux jours ouvrables à compter de la notification de la décision par la Commission de Discipline.</p>	<p>The party seeking to appeal must announce its intention in writing within two working days from the notification of the decision by the Disciplinary Commission.</p>	<p>Uruhande rusaba ubujurire rugomba kubigaragaza mu nyandiko mu gihe kitaranze iminsi ibiri nyuma yo kumenyeshwa icyemezo cya Komisiyo ishinzwe imyitwarire.</p>
<p>La décision de la Commission de Recours doit intervenir endéans cinq jours à partir de la date de réception de l'acte d'appel. Sinon tout retard devra être motivé.</p>	<p>The Appeals Commission has to take a decision within five days from the date of receipt of the notice of appeal. Otherwise any delay shall be motivated.</p>	<p>Komisiyo y'ubujurire igomba gufata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi itanu nyuma yo kugezwaho inyandiko y'ubujurire. Iyo bitabaye igomba gusobanura impamvu y'ubukererwe.</p>

<p><b>Art 6: Forme et contenu de la décision</b></p> <p>La décision contient:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) les noms des membres qui ont siégés;</li> <li>b) la désignation des parties;</li> <li>c) le résumé des faits;</li> <li>d) les considérants de droit;</li> <li>e) les dispositions dont il a été application;</li> <li>f) le dispositif;</li> <li>g) l'indication des voies de recours pour la Commission de Discipline.</li> </ul> <p>Les décisions sont signées par tous les membres qui ont participé à la délibération.</p> <p><b>Article 7: Délibération</b></p> <p>Les organes juridictionnels délibèrent à huis clos.</p> <p>Sauf circonstances exceptionnelles, les délibérations sont menées sans interruption.</p> <p>Le président décide dans quel ordre</p>	<p><b>Article 6: Form and content of the decision</b></p> <p>The decision shall contain:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) the names of members who attended the meeting;</li> <li>b) the names of parties;</li> <li>c) a summary of facts;</li> <li>d) preambles;</li> <li>e) the provisions which have been applied;</li> <li>f) the purview;</li> <li>g) an indication of the grounds for appeal to the Disciplinary Commission.</li> </ul> <p>Decisions are signed by all the members who participated in the deliberations.</p> <p><b>Article 7: Deliberation</b></p> <p>The judicial bodies deliberate in camera.</p> <p>Except in exceptional circumstances, the deliberations are conducted without interruption.</p> <p>The Chairperson decides the order in</p>	<p><b>Ingingo ya 6: Imiterere n'ibigize icyemezo</b></p> <p>Icyemezo kigomba kugaragaza:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) amazina y'abitabiye inama;</li> <li>b) amazina y'ababuranyi;</li> <li>c) incamake y'ikiburanwa;</li> <li>d) ibishingirwaho mu mategeko;</li> <li>e) ingingo z'amategeko zashingirweho;</li> <li>f) imikirize y'ikibazo;</li> <li>g) Kwerekana inzira z'ijurira ku birebana na Komisiyo ishinzwe imyitwarire.</li> </ul> <p>Imyanzuro ishyingirwaho umukono n'abitabiye inama bose.</p> <p><b>Ingingo ya 7: Umwiherero</b></p> <p>Inzego zikemura amakimbirane zikora umwiherero mu muhezo.</p> <p>Usibye iyo hari impamvu zidasanzwe, umwiherero ntugomba kugira ikiwurogoya.</p> <p>Perezida agena uburyo ibibazo</p>
--	---	---

<p>les diverses questions sont mises en délibération; les membres présents s'expriment dans l'ordre établi par le président, qui donne toujours son avis, le dernier.</p> <p><b>Article 8: Indépendance</b> La Commission de Discipline et la Commission de Recours sont indépendantes dans le cadre de leurs attributions. Elles sont tenues de rendre leurs décisions en observant les règlements de la FERWAFa, de la CAF et de la FIFA, d'agir selon leur conscience et de ne recevoir d'instruction de quiconque.</p> <p>Un membre d'un autre organe de la FERWAFa ne peut se trouver dans la salle de la séance durant les délibérations des organes judiciaires que s'il y a été expressément convoqué par ces organes.</p> <p><b>Article 9: Incompatibilité</b> Les membres de la Commission de Discipline et la Commission de Recours ne peuvent appartenir ni au Comité Exécutif, ni à aucune autre commission de la</p>	<p>which various questions are proposed for consideration; members that are present express themselves in the order established by the Chairperson, who always gives his opinion last.</p> <p><b>Article 8: Independence</b> The Disciplinary Commission and the Appeals Commission are independent within the framework of their powers. They are required to make their decisions by observing the regulations of FERWAFa, CAF and FIFA, to act according to their conscience and not to receive instructions from anyone.</p> <p>A member of another organ of FERWAFa cannot sit in the meeting room during the deliberations of the judicial bodies unless they have been expressly invited by these organs.</p> <p><b>Article 9: Incompatibility</b> Members of the Disciplinary Commission and the Appeals Commission may not belong either to the Executive Committee or any other commission of FERWAFa.</p>	<p>bitandukanye bikurikirana; abitabiye inama bahabwa ijambo hakurikijwe gahunda yashyizweho na Perezida. Perezida kandi atanga igitekerezo cye nyuma y'abandi.</p> <p><b>Ingingo ya 8: Ubwigenge</b> Komisiyo ishinzwe imyitwarire na Komisiyo y'ubujurire zirigenga mu bijyanye n'inshingano zazo. Zigomba gufata ibyemezo zubahiriza amategeko agenga FERWAFa, CAF na FIFA, gukoresha umutimana kandi ntizihabwe amabwiriza n'umuntu uwo ari we wese.</p> <p>Umuntu wo mu rundi rwego rwa FERWAFa ntashobora kwicara mu cyumba cy'inama mu gihe cy'umwiherero w'inzego zikemura amakimbirane usibye iyo yatumiwe n'izi nzego.</p> <p><b>Ingingo ya 9: Ubutabangikana</b> Abagize Komisiyo ishinzwe imyitwarire na Komisiyo y'ubujurire ntibemerewe kuba muri Komite Nyobozi cyangwa mu yindi Komisiyo ya FERWAFa iyo ari yo</p>
--	--	--

<p>FERWAFWA.</p> <p><b>Art 10: Récusation</b>  Un membre de la Commission de Discipline et de la Commission de Recours ne peut siéger lorsque le cas à traiter le concerne, ou concerne son association, son club, un officiel, un joueur de son club. Il en est de même s'il est directement intéressé au résultat du litige.</p> <p>Le membre qui se trouve dans un cas de récusation doit le faire savoir sans délai au Président; en cas de contestation, la commission délibère.</p> <p>Les actes de procédures auxquelles la personne récusée a participé sont nuls.</p> <p><b>Article 11: Confidentialité</b>  Les membres de la Commission de Discipline et la Commission de Recours sont tenus de garder le secret sur tout ce dont ils ont pris connaissance dans le cadre de leurs fonctions notamment les faits de la</p>	<p><b>Article 10: Disqualification</b>  A member of the Disciplinary Commission and the Appeals Commission may not sit when the case to be handled concerns him/her, his/her association, club, official, player of his/her club. The same provision applies when s/he is directly interested in the outcome of the litigation.</p> <p>A member who is in a situation of disqualification must inform the President without delay; in case of dispute, the Commission shall deliberate.</p> <p>Proceedings that have involved the person to whom an objection has been raised will be nullified.</p> <p><b>Article 11: Confidentiality</b>  Members of the Disciplinary Commission and the Appeals Commission are requested to keep secret everything they learned in the course of their duties including the facts of the case, contents of the deliberations and the</p>	<p>yose.</p> <p><b>Ingingo ya 10: Ubwihane</b>  Umuntu uri muri Komisiyo ishinzwe imyitwarire na Komisiyo y'ubujurire ntashobora kujya mu nama yiga ku kibazo kimureba, kireba ishyirahamwe rye, ikipe ye, umuyobozi cyangwa umukinnyi b'ikipe ye. Iyi ngingo yubahirizwa kandi iyo uyu muntu afite inyungu zitaziguye mu biva mu mwanzuro.</p> <p>Umuntu uri mu bwihane agomba kubimenyesha Perezida nta bukererwe; iyo atabyemera, Komisiyo ibyigaho.</p> <p>Imiburanishirize umuntu uri mu bwihane yagizemo uruhare nta gaciro ihabwa.</p> <p><b>Ingingo ya 11: Kubika ibanga</b>  Abagize Komisiyo ishinzwe imyitwarire na Komisiyo y'ubujurire basabwa kugira ibanga ry'ibintu byose bamenyeye mu kazi bashinzwe birimo ibikubiye mu kibazo, ibyavugiwe mu mwiherero</p>
---	---	---

<p>cause, contenu des délibérations et décisions prises.</p> <p>Seul le contenu des décisions déjà notifiées à leurs destinataires peut être rendu public.</p> <p><b>Article 12: Responsabilité</b>  Sous réserve de faute grave, les membres des deux organes juridictionnels de la FERWAFa n'encourent aucune responsabilité pour les actes ou omissions en relation avec une procédure disciplinaire.</p> <p><b>Article 13: Principe du contradictoire</b>  Sauf en cas de flagrant délit constaté par la Commission de Discipline, les parties en litige doivent pouvoir se défendre avant une prise de décision, mais dans le respect des délais prescrits.</p> <p>L'absence des parties ou de l'une d'entre elles n'empêche pas la Commission de se prononcer pourvu qu'elles aient été informées</p>	<p>decisions taken.</p> <p>Only the content of decisions already notified to the addressees may be made public.</p> <p><b>Article 12: Responsibility</b>  Subject of serious misconduct, members of both judicial bodies of FERWAFa are not liable for the acts or omissions in connection with a disciplinary procedure.</p> <p><b>Article 13: Principle of contradiction</b>  Except in cases of flagrante delicto noticed by the Disciplinary Commission, the litigants must be able to defend themselves before a decision is taken, but within the prescribed time period.</p> <p>The absence of both parties or either of them does not prevent the Commission from deciding provided they have been informed by the</p>	<p>n'ibyemezo byafashwe.</p> <p>Ibikubiye mu byemezo byagejejwe ku bo bireba ni byo byonyine bishobora kumenyeshwa rubanda.</p> <p><b>Ingingo ya 12: Uburyozwe</b>  Usibye mu gihe hakoze amakosa akomeye, abagize inzego nkemurampaka zombi za FERWAFa nta buryozwe babazwa bujyanye n'ibikorwa cyangwa ukwirengagiza birebana n'imiburanishirize.</p> <p><b>Ingingo ya 13: Ihame ry'ivuguruzanya</b>  Usibye igihe habayeho gufatirwa mu cyuho, impande ziburana zigomba guhabwa uburyo bwo kwisobanura mbere y'uko icyemezo gifatwa, ariko hakubahirizwa igihe cyagenwe.</p> <p>Ibura ry'impande zombi cyangwa rya rumwe ntiribuza Komisiyo gutanga umwanzuro, zipfa kuba zaramenyeshwe n'ubunyamaba-</p>
---	--	--

<p>par le secrétariat de la FERWAFa de la date de comparution.</p> <p>La partie plaignante doit s'engager par écrit qu'elle supporte les frais éventuels d'investigation, de déplacement et/ou de logement pour un maximum de deux membres en cas de nécessité. A cet effet, elle doit déposer une caution de 50.000 Francs Rwandais. Si la partie plaignante obtient gain de cause, tous les frais mentionnés plus haut seront répercutés sur l'autre partie.</p> <p><b>Article 14: Les moyens de preuve</b> Tous les moyens de preuve peuvent être produits. Doivent être refusés ceux qui sont contraires à la dignité humaine ou ne permettent pas de façon manifeste d'établir des faits pertinents.</p> <p>Sont notamment admis: les rapports de l'arbitre, des arbitres assistants, du commissaire de match; les déclarations des parties, celles des témoins, la production de preuves</p>	<p>secretariat of FERWAFa of the date of appearance.</p> <p>The complaining party must agree in writing that they will bear any costs of investigation, travel and/or accommodation for a maximum of two members in case of need. For this purpose, they must pay a deposit of 50,000 Rwandan Francs. If the plaintiff wins the case, all the fees mentioned above will be passed on to the other party.</p> <p><b>Article 14: Means of proof</b> All evidence can be produced.</p> <p>The evidence which is contrary to human dignity or does not help to determine relevant facts in a tangible way should be declined.</p> <p>They are especially admissible: reports of the referee, assistant referees, match steward; the statements of parties and witnesses, physical evidence, expertise, audiovisual means and possibly</p>	<p>nga bwa FERWAFa umunsi wo kwitaba.</p> <p>Uruhande rurega rugomba kwandika rwemera ko ruzishingira amafaranga ashobora kugenda ku iperereza, ku ngendo n'icumbi ku bantu nibura babiri bibaye ngombwa. Kubera iyo mpamvu, rugomba gutanga ingwate y'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50.000Frw) y'u Rwanda. Iyo urega atsinze, amafaranga yose yavuzwe haruguru atangwa n'urundi ruhande.</p> <p><b>Ingingo ya 14: Ibimenyetso</b> Ibimenyetso byose bishobora gutangwa. Ibimenyetso byose bitesha umuntu agaciro cyangwa bidafasha kubona ukuri ntibyakirwa.</p> <p>By'umwihariko ibimenyetso byakirwa ni: raporo y'umusifuzi, iz'abasi-fuzi bungirije, iy'uhagarariye umukino (komiseri); ibivugwa n'impande ziburana, ibivugwa n'abagabo,</p>
--	---	---

<p>matérielles, les expertises, moyens audiovisuels et éventuellement tous les rapports de services de sécurité.</p> <p><b>Article 15: Les appréciations des preuves</b> Les organes juridictionnels apprécient librement les preuves. Elles peuvent tenir compte de l'attitude des parties au cours de la procédure notamment de la manière dont ils collaborent avec elles.</p> <p><b>Article 16: Rapport des officiels du match</b> Les faits relatés dans les rapports des officiels sont présumés exacts. La preuve de l'inexactitude du contenu des rapports des officiels peut toujours être apportée.</p> <p>En cas de divergence entre les rapports des divers officiels de match, et à défaut d'élément permettant de trancher entre les diverses versions des faits, le rapport de l'arbitre prime pour les faits qui se sont produits sur l'aire de jeu.</p>	<p>all reports of security services.</p> <p><b>Article 15: Assessments of evidence</b> Judicial bodies assess evidence freely. They can take into account the attitude of the parties during the proceedings especially the way parties collaborate with them.</p> <p><b>Article 16: Report of match officials</b> The facts exposed in officials' reports are assumed to be accurate. Proof of inaccuracy of the content of the officials' reports can still be provided.</p> <p>In case of discrepancy between the reports of various match officials, and in the absence of evidence to decide between various versions of the facts, the referee's report shall prevail for the facts that occurred on playing area.</p>	<p>ibimenyetso bifatika, ibyavuye mu bushakashatsi, amashusho n'ama-jwi, raporo z'inzego zishinzwe umutekano iyo bibaye ngomwa.</p> <p><b>Ingingo ya 15: Gusuzuma ibimenyetso</b> Inzego zishinzwe gukemura amakimbirane zisesengura ibimenyetso mu bwisanzure. Zishobora kureba imyitwarire y'impande zombi mu gihe cy'iburanisha cyane cyane ubufatanye impande zigaragariza izi inzego.</p> <p><b>Ingingo ya 16: Raporo y'abayoboye umukino</b> Ibintu bikubiye muri raporo z'abayoboye umukino bifatwa nk'ukuri. Cyakora hashobora gutangwa ibimenyetso binyomoza ibikubiye muri izo raporo.</p> <p>Iyo habayeho kunyuranya muri raporo z'abayoboye umukino batandukanye, kandi hakaba nta bimenyetso bifasha gufata umwanzuro, raporo y'umusifuzi ni yo igenderwaho ku bijyanye n'ibyabereye ku kibuga.</p>
--	--	--

<p>Pour les faits qui se sont déroulés à l'extérieur de cette aire, c'est celui du commissaire de match qui prime.</p> <p><b>Article 17: Langues utilisées</b> Les parties en litige peuvent s'exprimer soit en Kinyarwanda, soit en Français, ou en Anglais. Les décisions sont rendues par écrit en Kinyarwanda.</p> <p><b>Article 18: Erreurs manifestes</b> Un organe juridictionnel peut corriger en tout temps les fautes de calcul et autres erreurs manifestes dans ces décisions, sauf en cas d'erreur d'appréciation de l'arbitre.</p> <p><b>Article 19: Collaboration des parties</b> Les parties sont tenues de collaborer à l'établissement des faits. Elles doivent notamment donner suite aux demandes de renseignements des organes juridictionnels.</p> <p>Pour tout renseignement ou</p>	<p>For the facts that occurred outside this area, the match steward's report shall prevail.</p> <p><b>Article 17: Languages used</b> Litigant parties may express themselves either in Kinyarwanda, in French or in English. Decisions are made in writing in Kinyarwanda.</p> <p><b>Article 18: Obvious errors</b> A judicial body may at any time correct calculation errors and other obvious errors in these decisions, except in case of an error of judgment by the referee.</p> <p><b>Article 19: Collaboration of parties</b> Parties shall cooperate in establishing the facts. They must especially respond to inquiries of the judicial bodies.</p> <p>For any information or document</p>	<p>Ku byerekeye ibyabereye hanze y'ikibuga, raporo y'uhabarariye umukino niyo ihabwa agaciro.</p> <p><b>Ingingo ya 17: Indimi zikoreshwa</b> Impande ziburana zishobora gukoresha Ikinyarwanda, Igifaransa cyangwa icyongereza. Imyanzuro yandikwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><b>Ingingo ya 18: Amakosa agaragara</b> Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rushobora gukosora igihe cyose amakosa yo kubara n'andi makosa agaragara muri iyi myanzuro, usibye amakosa ajyanye no kwibeshya k'umusifuzi.</p> <p><b>Ingingo ya 19: Ubufatanye bw'impande</b> Impande zombi zisabwa kugira ubufatanye mu kugaragaza ibyabaye. By'umwihariko, zigomba gutanga amakuru zisabwa n'inzego nkemurampaka.</p> <p>Ku birebana n'amakuru cyangwa</p>
--	---	--



<p>document demandé par les organes juridictionnels, les dirigeants de la FERWAFa, des associations, des clubs, les joueurs, les entraîneurs, les arbitres, ne peuvent en aucune façon refuser de les produire, et ce, pour quelques motifs que ce soit.</p> <p>Cinq jours après les avoir averties, si les personnes visées à l’alinéa précédent ne font pas diligence, les organes juridictionnels leur infligeront une amende ne dépassant pas 50.000 Frw payable sur un compte de la FERWAFa.</p> <p>Si malgré l’avertissement et l’amende infligée, les personnes visées au point deux de ce même article ne collaborent pas et qu’il n’existe pas d’autre moyen d’obtenir les renseignements demandés, les organes juridictionnels statuent sur base du dossier en leur possession.</p> <p><b>Article 20: Effets d’appel</b></p> <p>L’appel a un effet dévolutif complet.</p>	<p>requested by the judicial bodies, officials of FERWAFa, associations, clubs, players, coaches, referees, can by no means refuse to produce them, and for any reasons whatsoever.</p> <p>Five days after being notified, if the persons referred to in the preceding paragraph do not hurry, the judicial bodies will impose on them a fine not exceeding RWF 50,000 payable on FERWAFa’s account.</p> <p>If, despite the warning and the fine imposed, the persons referred to in paragraph two of the same article do not collaborate and there is no other way to obtain the requested information, the judicial bodies shall decide based on the file in their possession.</p> <p><b>Article 20: Effects of appeal</b></p> <p>An appeal has a devolutive effect.</p>	<p>inyandiko bisabwa n’inzezo zishinzwe gukemura amakimbirane, FERWAFa, amashyirahamwe, amakipe, abakinnyi, abatoza, abasifuzi ntibashobora kwanga kubitanga bitwaje impamvu iyo ari yo yose.</p> <p>Nyuma y’iminsi itanu bamenyeshwe, iyo abantu bavugwa mu gika kibanza batagize vuba, inzezo nkemurampaka zibahanisha ihazabu itarengeje amafaranga 50.000 yishyurwa kuri konti ya FERWAFa.</p> <p>Nyuma yo kumenyeshwa no kwishyura ihazabu, abantu bavugwa mu gika cya kabiri cy’iyi ngingo batagaragaje ubushake bwo gufatikanya kandi hakaba nta bundi buryo bwo kubona amakuru yasabwe, inzezo zishinzwe gukemura amakimbirane zifata umwanzuro zishingiye ku idosiye zifite.</p> <p><b>Ingingo ya 20: Iyubahirizambibi z’icyajuririwe</b></p> <p>Ubujurire buburanishwa mu mbibi z’icyajuririwe.</p>
---	--	---

<p>L'appel n'a pas d'effet suspensif qu'en ce qui concerne les condamnations au paiement d'une somme d'argent.</p> <p><b>CHAPITRE II: DROIT DISCIPLINAIRE</b></p> <p><b>Article 21: Responsabilité</b> La FERWAFa, les associations, les clubs sont responsables du comportement de leurs joueurs, officiels, membres, supporters ainsi que de toute personne chargée par, une association, ou un club, d'exercer une fonction lors d'un match.</p> <p>La FERWAFa, l'association organisatrice ou le club organisateur répondent de l'ordre et de la sécurité dans l'enceinte du stade et dans ses abords immédiats avant, pendant ou après le match. Ils sont rendus responsables de tout incident et sont passibles de mesures disciplinaires.</p> <p>L'organisateur du match doit évaluer le risque que présentent les rencontres et signaler à la FERWAFa celles qui seront</p>	<p>An appeal has a suspensive effect only in respect of convictions to pay a sum of money.</p> <p><b>CHAPTER II: DISCIPLINARY RULES</b></p> <p><b>Article 21: Responsibility</b> FERWAFa, associations, clubs are responsible for the behaviour of their players, officials, members, supporters and any person appointed by an association or a club, to exercise a function during a match.</p> <p>FERWAFa, the host association or the organizing club are responsible for order and security in the stadium and its immediate surroundings before, during or after the match. They are liable for any incident and are subject to disciplinary action.</p> <p>The match organizer must assess the risk posed by matches and notify FERWAFa of those which are</p>	<p>Ubujurire bugira ihagarikarangiza-rubanza ku bijyanye n'ibihano byo kwishyura ihazabu gusa.</p> <p><b>UMUTWE WA II: AMATEGEKO AGENGA IMYITWARIRE</b></p> <p><b>Ingingo ya 21: Inshingano</b> FERWAFa, amashyirahamwe, amakipe babazwa imyitwarire y'abakinnyi, abayobozi, abanyamuryango, abakunzi babo n'undi muntu wese wagenwe n'ishyirahamwe cyangwa ikipe ngo akore akazi mu mukino.</p> <p>FERWAFa, ishyirahamwe ryateguye cyangwa ikipe yateguye bashinzwe gucunga umutekano ku Babazwa ibyabaye byose kandi bashobora gufatirwa ibihano bijyanye n'imyitwarire.</p> <p>Uwateguye umukino agomba gusuzuma ibibazo imikino ishobora guteza kandi akamenyesha FERWAFa iyateza ibibazo bikome-</p>
---	---	---

<p>particulièrement dangereuses. Il doit aussi informer les autorités locales et collaborer activement et efficacement avec elles.</p> <p>Le club répond du comportement de ses supporters (notamment jet de projectiles et envahissement du terrain) et de ses auxiliaires.</p> <p>Pour les compétitions à limite d'âge, les officiels du match doivent vérifier activement l'âge des joueurs figurant sur les papiers d'identité que ceux-ci présentent.</p> <p>La FERWAFa, les associations, les clubs doivent veiller à ce que ne participent pas à la gestion du football, les personnes qui sont sous le coup de poursuites pénales pour des faits contraires à la dignité d'une telle activité (notamment dopage, corruption, faux dans les titres) ou qui ont été condamnées pénalement pour de tels faits lors des cinq dernières années, ainsi qu'aux personnes sous sanctions de la CAF et/ou de la FIFA.</p>	<p>particularly dangerous. S/he must also inform local authorities and cooperate actively and effectively with them.</p> <p>A club is responsible for the behaviour of its supporters (including throwing projectiles and pitch invasion) and its auxiliaries.</p> <p>For age limit competitions, match officials must actively check the players'age on the identity papers produced by the latter.</p> <p>FERWAFa, associations, clubs must ensure that people who are subject to criminal prosecution for offenses against the dignity of a given activity (especially doping, corruption, forgery), or who have been convicted criminally for such offenses in the past five years, as well as those under the sanctions of CAF and/or FIFA, do not participate in the management of football.</p>	<p>ye by'umwihariko. Agomba kandi kumenyesha inzego z'ibanze kandi agakorana nabo neza.</p> <p>Ikipe iryozwa imyitwarire y'abafana bayo (harimo guterana ibintu no kwiroha mu kibuga) n'iy'abantu bayunganira.</p> <p>Mu marushanwa ashingiye ku kigero cy'imyaka, abayobozi b'umukino bagomba kugenzura imyaka y'abakinnyi igaragara ku byangombwa berekanye.</p> <p>FERWAFa, amashyirahamwe, amakipe bagomba kugenzura ko abantu bakurikiranweho ibyaha bitesha agaciro akazi runaka (cyane cyane gufata ibiyobyabwenge, ruswa, inyandiko mpimbano), cyangwa bahaniwe ibi byaha mu myaka itanu ishize, kimwe n'abari mu bihano bya CAF cyangwa FIFA, batagira uruhare mu micungire y'umupira w'amaguru.</p>
--	--	---

<p><b>Article 22: Culpabilité</b> Sauf disposition contraire, les infractions sont punissables qu'elles aient été commises intentionnellement ou par négligence.</p> <p>Exceptionnellement, l'obligation de jouer à huis clos, l'obligation de jouer en terrain neutre et l'interdiction de jouer dans un stade déterminé peuvent être prononcées en l'absence de toute faute, à titre de mesure préventive ou de sécurité.</p> <p><b>Article 23: Tentative</b> La Tentative est punissable.</p> <p>En cas de Tentative, l'organe juridictionnel doit atténuer la sanction prévue pour l'infraction consommée. Il détermine librement la mesure de l'atténuation.</p> <p><b>Article 24: Complicité</b> Celui qui participe intentionnellement à une infraction comme</p>	<p><b>Article 22: Guilt</b> Unless otherwise specified, infringements are punishable whether committed intentionally or as a result of negligence.</p> <p>Exceptionally, the obligation to play behind closed doors, the obligation to play on neutral ground and the ban from playing in a particular stadium may be imposed in the absence of any fault, as a preventive or security measure.</p> <p><b>Article 23: Attempt</b> Attempt is punishable.</p> <p>In case of attempt, the judicial body shall reduce the penalty provided for the offense when perpetrated. It will freely determine the extent of mitigation.</p> <p><b>Article 24: Complicity</b> Whoever intentionally participates in an offense as an instigator or</p>	<p><b>Ingingo ya 22: Ihamyacyaha</b> Usibye iyo biteganyijwe ukundi, ibyaha birahanirwa byaba byarakozwe ku bushake cyangwa kubera uburangare.</p> <p>Rimwe na rimwe amakipe ashobora gutegekwa gukina nta bafana, gukinira ku kibuga kitari icy'imwe muri yo, kubuzwa gukinira ku kibuga runaka nta kosa ryakozwe, mu rwego rwo kwirinda cyangwa kubungabunga umutekano.</p> <p><b>Ingingo ya 23: Umugambi wo gukora icyaha</b> Kugerageza gukora icyaha birahanirwa. Iyo hagaragaye umugambi wo gukora icyaha, urwego rukemura amakimbirane rugomba koroshya igihano gitangwa ku cyaha iyo cyakozwe. Rugena uko igihano cyoroshywa mu bwisanzure.</p> <p><b>Ingingo ya 24: Ubufatanyacyaha</b> Umuntu wese ugize uruhare mu cyaha cyo koshya abandi gukora</p>
--	--	--

